


Ibyigisho Nyobozi-4 Umurwa munini mu Kirere.



Tuvuga iby'umurwa munini! Ni umujoyi munini cyane kuburyo ntaho wawugereraniriza na New York, Tokiyo, cyangwa Londoni! Ihangane gato kugira ngo wumve bike mu bitangaza bigize uwo umurwa rurangamirwa ushobora kugenda mu kirere. Byose ni ukuri. Ntabwo ari ubumenyi butagira ishingiro! Ibibumbiye muri iki cyikigisho bizagutuzza umutima kandi biguhe kwizera iby'ahazaza.

1. Ninde watekereje kandi mwubatsi w'uyu mu rwa wo mu kirere?

"Nicyo gituma Imana Itagira isoni zo kwitwa Imana yabo Kuko yabiteguriye umudugudu."Abaheburayo11:16.

Igisubizo: Bibiliya ivuga ko Imana ariyo yubakira umudugudu ukomeye ubwoko bwayo. Kandi uwo mudugudu ni uwo ukuri nk'undi mugwi wose waba warigeze kumenya.



2. Mbese uyu mudugudu w'akataraboneka Imana yitegura uboneka he?

"Maze jyewe Yohana mbona uru rembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana." Ibyahishuwe 21:2. "Uwitwaga Mana yanjye ... uje wumva uri mu ijuru ari ryo buturo bwawe." 1 Abami 8:28-30.

Igisubizo: Uyu mudugudu munini urimo wubakwa, muri iki gihe, uri kure cyane mu kirere aho Imana Ituye, ahitwa mu ijuru.

3. Ibyanditswe Byera se bitaka aho hantu hakataraboneka bite?

Igisubizo:
(A) UBUNINI

"Urwo rurembo rungana impande zose, uburebure bungana n'ubugari. Agerasha urwo rurembo rwa rubingo, ageramo stadio inzovu n'ibigumbi bibiri." Ibyahishuwe 21:16. Uwo mudugudu uburebure bw'umurambararo, n'ubugari, n'uburebure bw'igihagararo birangana. Umuzenguruko wawo ni 12,000 furlongs, cyangwa 1,500 miles (a furlong is 1/8 mile). It is 375 miles long on each side.

(B) IZINA

Umudugudu witwaga "Yerusalemu nshya" mu Ibyahishuwe 21:2.





Uwo murwa ni
amagorofa 20
maremare ya yasipi.

(C) INKIKE ZAWO

"Agera inkike zarwo, agera mo imikono ijana na mirongo ine n'ine. ...Inkike zayo zubakishije yasipi, Ibyahishuwe 21:17,18. Ukubengerana n'ubwiza bwabyo birenze ibyasobanurwa n'abantu. Nawe tekereza!, hafi ingerekerane hafi 20 y'amagorofa n'uburebure bwayo kandi bya Yasipi!

(D) AMAREMBO

"Kandi rutite n'amarembo cumi n'abiri... I burasirazuba hariho amarembo atatu, I kasikazi, hariho amarembo atatu I kusi hariho amarembo atatu n'iburengerazuba hariho amarembo atatu." Amarembo uko ari cumi n'abiri yari imarigarita cumi n'ebiyiri. Irembo rimwe ryubakishije imarigarita imwe." Ibyahishuwe 21:12, 13, 21. Umudugudu ufite amarembo 12, atatu kuri buri ruhande--- kandi buri rembo rikozwe n'imarigarita imwe ubwayo.



Buri rembo
ry'umurwa n'isaro
rimwe rikomeye.

(E) INFATIRO

"Inkuta z'urwo rurembo ziri kumfatiro cumi n'ebiyiri zitakishijwe amabuye y'igiciro y'uburyo bwose. Urufatiro rwa mbere ni yasipi, urwa kabiri ni safira, urwa gatatu rwari rugizwe na kalukodeni urwakane rwari simaragido, urwa gatanu rwari saludonikisi, urwa gatandatu rwari sarudio, urwa karindwi, rwari kirusolito, urwa munani rwari burulo, urwa cyenda rwari topaze, urwa cumi rwari kirusopulaso, urwa cumi na rumwe rwari huwakinto, urwa cumi na kabiri rwari ametusiko.." Ibyahishuwe 21:14-20. Umugi ufite infatiro zuzuye 12, buri rufatiro rugizwe n'ibuye ry'agaciro rimwe ubwaryo. Buri bara ry'umukororombya rizaba riwubonekamo ubwo rero urwitegeye ruzaba rugaragara n'urwicaye hejuru y'umukororombya.

(F) INZIRA

"Inzira nyabagendwa yo muri urwo rurembo yashigirijwe izahabu nziza, isa n'ibirahure bibonerana." Iyahishuwe 21:21.



Inzira nyabagendwa
zizaba zisize zahabu
nziza ishushanya
icyubahiro cy'ijuru
nk'indorerwamo..

(G) ISHUSHO YARWO

"Mbona ururembo rwera,... rwiteguwe nkuko umugeni arimbishirizwa umugabo we." "Rufite ubwiza bw'Imana: kandi umucyo warwo wamurikaga nk'ibuye ry'agaciro kenshi, nk'ibuye rya yasipi ribonerana nk'isarabwayi." "Uburebure bungana n'ubugari n'uburebure bw'ikijyaruguru birareshya." Ibyahishuwe 21:2, 11, 16. Uwo mudugudu, n'amabuye yawo y'agaciro kenshi zahabu n'ubwiza buhebuje bizajya bimurikirwa n'ubwiza bw'Imana. Ukurabagirana cyangwa gushashagirana kwarwo kwagereranjwe nuko umugeni arimbishirizwa umugabo we."



4. Mbese niki kiboneka muri uwo mudugudu gihamiriza umuntu uzawubamo ko azagira amagara azira umuze n'imbaraga za gisore?

"Hagati mu nzira nyabagendwa hatemba uruzi rw'amazi y'ubugingo, no hakurya y'uruzi hari igiti cy'ubugingo, cyera imbuto z'uburyo cumi na bubiri, cyera imbuto z'uburyo bumwe uko ukwezi gutashye: Ibibabi byacyo byari ibyo gukiza amahanga." Ibyahishuwe 22:2. "Fata n'igiti cy'ubugingo, maze urye uzabaho iteka n'iteka." Itangiriro 3:22.



Igisubizo: Igiti cy'ubugingo, cyara amatunda y'ubwoko 12 butandukanye

(kandi hagati mu umurwa –Ibyahishuwe 2:7), bitanga ubuzima budashira n’ubusore ku bazaba bawutuye. N’ibibabi byacyo bifite ibitangaza muribyho bikiza. Kandi iki giti kizagira umusaruro mushya uko ukwezi gutashye.

5. Mbese koko ni ukuri Uwo mudugudu w’akataraboneka uzamanuka uze kuri iy’ isi?

"Nuko Yohana abona umurwa wera, Yerusalemu nshya, imanuka ivuye ku Mana mu ijuru, irimbishijwe nkuko umugeni arimbishirizwa umugabo we." Ibyahishuwe 21:2. "Hahirwa abagwaneza: kuko aribo bazahabwa isi." Matayo 5:5. "Abakiranutsi bazahanwa bakiri mu isi." Imigani 11:31.

Igisubizo: Yego, Umuduguru wera uzamuka uze ku isi ariyo izaba umurwa mu kuru wo kw’ isi izaba yagizwe nshya. Abakiranutsi bose bazagira inzu zabo muri uyu murwa.



6. Nonese bizaba bite ku cyaha n’abanyabyaha?

"Dore hazaba umunsi utwika nk’itanura ry’umuriro. Abibone bose n’inkozi z’ibibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire." Malaki 4:1. "Umuriro uzava Ku Mana mu ijuru ubakongore." Ibyahishuwe 20:9. "Maze iby’ishingiro ibyo bose biremeshwa, bikayengeshwa no gushya cyane." 2 Petero 3:10. "Kandi muzaribatira abanyabayaha hasi, bazaba ivu munsi y’ibirenge byanyu." Malaki 4:3. "Kandi nkuko yasezeranije, dutegereje ijuru rishya n’isi nshya ibyo gukiranuka kuzabamo." 2 Petero 3:13.

Igisubizo: Imana izarimbuza umuriro icyaha n’abanyabyaha. Uyu muriro uzashongera isi maze uhindure byose ivu. Maze Imana izarema is nshya n’umurwa wera uzaba ari umurwa mukuru wayo. Aha niho abakiranutsi bazaba mu munezero, mu mahoro, no mu kwera(holiness) iteka n’iteka. Imana isezerana ko icyaha kitazongera kubaho ukundi.. Soma Nahumu 1:9.

7. Ni ayahe masezerano arema umutima kandi atangaje Imana itanga ku bantu bayo bazajya mu bwami bwayo?

Igisubizo:

A. Imana ubwayo izabana n’abo (Ibyahishuwe 21:3).

B. Ntabwo bazaba imbura mukoro. Bazagira umunezero udashira (Zaburi 16:11).

C. Nta rupfu, ntaburibwe, nta amarira, ntagusuhuza umutima, nta kurwara, nta bitaro, nta amabagiro, nta byorezo, guseba, guhangayika nta nzara, cyangwa inyota (Ibyahishuwe 21:4; Yesaya 33:24; Ibyahishuwe 22:3; Yesaya 65:23; Ibyahishuwe 7:16).

D. Ntabwo bazanirwa (Yesaya 40:31).

E. Abacunguwe bazaba mu buryo bwose bashyitse Igipfamatwi kizumva, Impumyi zizareba, Ibiragi bizaririmba, kandi ibirema bizashobora kwiruka Yesaya 35:5, 6; Abafiripi 3:21).



F. Nta inzangano, ubwoba, kutizera, ukwarikwamo n'igomwa, gukora ibizira, ubwicanyi, abanyabinyoma, abarozzi, abahorana, abicanyi, abasambanyi, batari abera abanyabinyoma ntabwo banzinjira mu bwami bw'Imana. (Ibyahishuwe 21:8, 27; 22:15). Abantu ntabwo bazongera kuremerwa no gusuhuza imitima, cyangwa se amaganya y'iyi kwigugiraho. Abantu ntabwobazongera kuremererwa n'amaganya n'ubwoba bibatesha igihe. Nta ndwara zo guhenebera mu ntekerezo (nervous breakdowns) zinzongera kubaho ukundi. Kandi igihe kizamba maze "pressures" na gahunda z'urudaca zo ku isi ziba zicitse burundu.



Mw'ijuru, nta magare y'ibirema cyangwa imbago bizabayo.



8. None se isi nshya izaba itandukanye ite nyi si yacu?

Igisubizo:

A. Inyanja ntizizaba zikiriho. (Ibyahishuwe 21:1). Inyanja zitwikira $\frac{3}{4}$ by'ibigize iy' isi muri iki gihe. Ibi ntibizongera kubaho mu ingoma nshya y'Imana. Isi yose izaba igizwe n'ubusitani bunini cyane, buhebuje mu bwiza, bugiye bunyurwamo n'ibiyaga inzuzi, n'imisozi (Ibyahishuwe 22:1, Ibyakozwe 3:20,21).



mu isi nshya abana bazakinisha intare ntacyo bikanga.

gukomereka, n'ibindi.

F. mu isi nshya ntihazinjiramo ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira (Ibyahishuwe 21:27). Nta amigo cyangwa ibisigazwa by'amasegerereti, cyangwa ubuvunderi, abasinzi, **taverns**, utubari tw'ibisindisha, **bothels**, amashusho ateye isono, cyangwa ikindi kintu cyose gitesha agaciro n'ubusembwa ubwaribwo bwose.

B. Ubutayu buzahinduka imirima myiza (Yesaya 35:1, 2).

C. Inyamaswa zizatozwa imico myiza. Ntayizaba ikirya iyindi, kandi umwana muto azaba umushumba wazo (Yesaya 11:6-9; 65:25).

D. Ntamuvumo uzongera kubaho ukundi (Ibyahishuwe 22:3).

E. Urugomo ntiruzongera kubaho ukundi Yesaya 60:18). Ubugome bwitumano, invura z'umuvumbi (storms), imyuzure, ibishyitsi, imiyaga kirimbuzi ya serwakira,



Mu isi nshya nta ibyorezo kamere bizongera kubaho.

9. Mbese hari abana bazaba mu ngoma y'Imana? Nonese nibahaba bazakura?

"Kandi inzira zo ku murwa zizaba zuzuye abahungu n'abakobwa, bakinira mu mayira yo muri wo." Zakaria 8:5. "maze muzasohoka mukinagire nk'inyana zo mu kiraro." Malaki 4:2.

Igisubizo: Yego, muri uwo murwa hazaba abahungu benshi n'abakobwa benshi, (Yesaya 11:6-9), kandi abo bangavu bazakomeza gukura (Malachi 4:2). Twarasingiye mu gihagararo, mu bwenge, no mu buzima kuva Adamu

yabaho, ariko ibi byose bizongera kudutunganirizwa. (Ibyakozwe 3:20, 21).



10. Mbese mu ijuru abantu bazashobora guhuzwa n'ababo bari barapfuye? Mbese abacunguwe bazashobora kumenyana?

Ariko icyo gihe nzamenya rwose nkuko namenwe rwose." 1 Abakorinto 13:12.

Igisubizo: Bibiliya yigisha yeruye ko, mu ngoma y'Imana, abakiranutsi bapfuye bazazukira guhura n'abakiranutsi bakiriho. (Yes. 26:19; Yer. 31:15-17; 1 Abako. 15:51-55; 1 Abatesal. 4:13-18). Kandi

Ibyanditswe byera byigisha ko mu ngoma nshya y'Imana abantu bazamenyana, nkuko bamenyana ku isi.

11. Mbese abantu mu ijuru bazaba ari abantu koko bafite umubiri n'amagufa?

"Yesu ubwe ahagarara hagati yabo arababwira ati: amahoro abe muri mwe. Maze barikanga bagira ubwoba bwinshi, bagira ngo ni umuzimu babonye: Arababwira ati: ikibahangayikisha imitima ni iki? Kandi niki gituma mwiburanya mu mitima? Nimurebe ibiganza byanjye n'ibirenge byanjye mu menye ko ari nyewe ubwange. Ndetse ni munkoreho murebe kuko umuzimu atagira umubiri n'amagufa nk'ibyo mundebana." "Nuko ibinezaneza bikibabujije kubyemera, bagitangara arababwira ati: hari inyama mufite? Bamuhereza igice cy'ifi yokeje, n'ubuki, arabifata arira imbere yabo. " "Kandi abajyana hanze, abageza i Bethania, maze ... akibaha umugisha, atandukanywa nabo, ajya mu ijuru." Luka 24:36-39, 41-43, 50, 51. "Uyu Yesu ubakuwemo, akazamurwa mu ijuru, azaza atyo, nkuko mu mubonye ajya mu ijuru." Ibyakozwe 1:11. "Umwami Yesu Kristo ...uzahindura uyu mubiri wacu wogucishwa bugufi kwacu akawushushanya n'umubiri w'ubwiza bwe. "Abafiripi 3:20, 21.



Igisubizo: Nyuma yo kuzuka kwe, Yesu yahamirije abigishwa be ko yari afite umubiri n'amagufa, ababwira ati munkoreho kandi bagasangira ibyokurya.. Uyu Yesu ufite umubiri n'amagufa niwe wagiye kwa Se kandi azagaruka ku isi. Abakiranutsi bazahabwa indi mibiri nk'umubiri wa Yesu, kandi bazakomeza kuba abantu bafite imibiri n'amagufa iteka n'iteka. Itandukaniro rizaba gusa ko imibiri yo mu ijuru itazapfa, ntabwo izagajuka, cyangwa se ngo ihenebere(deterioration). Inyigisho zihamya ko abacunguwe mu ijuru ari abazimu cyangwa imyuka iguruka mu kirere ntacyo ikora kitari gukina ibyuma bya muzika ntabwo bishingiye ku Ijambo ry'Imana. Ntabwo Yesu yapfiriye ku musalaba kugira ngo atange ibidafite akamaro by'ahazaza ku bazamwizera kandi bagakurikiza inzira zo mu buzima bwe. Abantu benshi ntakibakurura muri iyo mibereho bigatuma bagira cyangwa ntibagire ubushake bwo kuzinjira mu nzira y'Imana. Cyangwa se bakabushakishiriza ko batinye gihenomumu. Iyo abantu aho bari hose bigishijwe ukuri kw'Imana, umurwa wera w'Imana, n'isi nshya, miliyoni z'abantu zatangira gusobanukirwa n'urukundo rwayo, maze bakayihindukirira n'imitima yabo yose. Umuntu ubura ingoma y'Imana aba ari kuburangare bwe mu mibereho ye.

12. Abakiranutsi baza koresha igihe cyabo bate mu bwami bwo mu ijuru?

"Bazubaka amazu bayabemo, kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo. Ntibazubaka amazu ngo Abandi bayabemo, ntibazatera inzabibu ngo ziribwe n'abandi... abatoranijwe banjye bazahora banezewa n'imirimo y'intoki zabo. " Yesaya 65:21, 22.



Igisubizo: Mu isi nshya, abakiranutsi bazubaka amazu yabo. (Kandi buri wese azagira ingoro, mu mugwi, yubakiwe na Kristo –Yohana 14:1-3.) Bazatera inzabibu barye amatunda yazo. Bibiliya irabigaragaza neza. Abantu koko mu ijuru bazakora ibintu bifatika kandi bishimire ibyo bikorwa byabo byose..

13. Ni ibihe bikorwa bindi binejeje abakijijwe bazagiramo uruhari?

Igisubizo:

A. Kuririmba no gukina umuziki wo mu ijuru (Yesaya 35:10; 51:11; Zaburi 87:7; Ibyahishuwe 14:2, 3).

B. Guhibariza Imbere y'Intebe y'Imana buri Sabato (Yesaya 66:22, 23).

C. Bazishimira kutongera kubona uburabyo cyangwa ibiti byumye (Ezekeri 47:12; Yesaya 35:1, 2).

D. Gusurana n'inshuti zabo, abakurambere, abahanuzi, n'ibindi. (Matayo 8:11; Ibyahishuwe 7:9-17).



- E. Kwiga inyamaswa zo mu ijuru (Yesaya 11:6-9; 65:25).
 F. Baziruka be kunanirwa (Yesaya 40:31).
 G. Bazumva Imana iririmba (Zephaniah 3:17).
 H. Bazakora ibyo imitima yabo ishaka (Zaburi 37:3, 4; Yesaya 65:24).
 I. Umunezero uhebuje iyindi nu kuzamera nka Yesu, kugendana nawe no kurebana nawe amaso ku maso (Ibyahishuwe 14:4; 22:4; 21:3; 1 Yohana 3:2).



Ijuru rizatuzanira amahirwe yo kumenya inshuti z'Abakurambere n'Abahanuzi.



14. Mbese ururimi rwa Muntu rwashobora gutaka ibyiza byo mu ijuru?

"Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ugutwi kutigeze kwumva, Ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose nibyo Imana yateguriye abayikunda." 1Abakorinto 2:9.

Igisubizo: Nta nubwo no mu nzuzi zirambuye umutima w'umuntu ushobora gusobanukirwa n'ibitangaza bigize Ingoma Idashira y'Imana. Ibyo Adamu yatakaje byose bizongera kudutunganirizwa (Ibyakozwe 3:20, 21).

15. Mbese iyo ngoma irikuntegurirwa koko?

- "Ushaka wese aiyane amazi y'ubugingo ku buntu." Ibyahishuwe 22:17.
 "Tuzabona umurage utabasha kubora... wowe ubwawe uteguriwe mu ijuru." 1 Petero 1:4. "Ngiye kubategurira ahanyu." Yohana 14:2.



Igisubizo: Ni wowe ubwawe biteguriwe. Ubutumire bw'Umwami ni ubwawe. Uramutse ubwanze ntawe ugomba kurenganya keretse wowe ubwawe.



16. Nahamirizwa n'iki ko nzabona aho mba muri ubwo bwami buhebuje kandi bukomeye?

"Dore mpagaze ku rugi ndakomanga, umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe." Ibyahishuwe 3:20. "Hahirwa abamesera ibishura byabo kugira ngo bemerewe kwegera kugira ngo bemerewe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo." Ibyahishuwe 22:14. "Umuntu wese umbwira ati Mwami Mwami, siwe uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka." Matayo 7:21. "Icyakora abamwemeye bese bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." Yohana 1:12. "Kandi

amaraso ya Yesu Umwana wayo, atwezaho inenge y'ibyaha cyose." 1 Yohana 1:7.

Igisubizo: Bibiliya ibivuga yeruye. Biroroshye. Ha ubugingo bwawe Kristo abweze ho icyaha cyose. Igihe ukoze ibyo, aguha ubushobozi bwo gukora ibyo ashaka no kwitondera amategeko ye. Ibi, birumvikana, ko bivuga ko uzatangira kubaho nka Kristo uko yabayeho ukanesha ibyaha byose. "Unesha azaragwa byose." Ibyahishuwe 21:7. Mu magambo make, umuntu aba ateguriwe ijuru iyo yakiriye ijuru mu mutima we.



17. Na maramaje kwakira Yesu kubana nawe iteka ryose mu bwami bwe bwo mu ijuru.

Igisubizo:

Ibyo kwibazaho

1. None se ijuru ryaba ahantu hanajeje rite igihe abacunguwe bazaba batekereza ababo bapfuye? (Ibyahishuwe 21:4)

Bibiliya ivuga ko Imana "Izahanagura amarira yose ku maso yabo." Ibyahishuwe 21:4. Bazengurutse n'ubwiza n'ibishimo byo mu isi nshya, abacunguwe bazibagirwa akaga no gusuhuza umutima bavuyemo; "Ibyakera ntibizibukwa kandi ntibizatekereza." Yesaya 65:17.

2. Bibiliya ivuga ko, "Umubiri n'amaraso bidashobora kuragwa ubwami bw'Imana." 1 Abakorinto 15:50. Nose, abacunguwe baba bafite imibiri n'amagufa? (1Abakorinto 15:50)

Aha Bibiliya ikoresha ijambo "umubiri" kuvuga umuntu utarihanywe ngo ahinduke nyabyo. Igitekerezo nk'iki kivugwa mu gitabo cy'Abaroma 8:8,9: "Erege burya abari mu butware bwa kamere ntibashobora kunezeza Imana. Ariko mwebweho nti muri aba kamere ahubwo muri abo umwuka niba Umwuka w'Imana aba muri mwe." Yohana 3:6 havuga, "Ko ikibyarwa n'umubiri nacyo ari umubiri, n'ikibyarwa n'umwuka nacyo ni umwuka." Ijambo "umubiri" aha na none rivuga umuntu utarihanywe byukuri naho "umwuka" ni umuntu wihanywe amaramaje "umuntu wabyawe ubwakabiri". Ubwo rero Bibiliya ikaba ivuga mu buryo bworoheje mu 1 Abakorinto 15:50 ko ntawe ushobora kwinjira mu bwami bw'Imana, keretse bwambere yihanywe, maze ubumuntu bwe (kamere) bigahinduka umwuka. Kristo, mu mubiri we azutse, yavuze yeruye ko agizwe "n umubiri n'amagufa." Luka 24:39. Imibiri yacu izashushanywa n'umubiri w'ubwiza bwe, nkuko tubisoma mu Abafiripi 3:21.

3. Mbese intumwa Petero niyo inshinzwe irembo ry'umurwa wera? (Matayo 16:19)

Reka da! Bibiliya ivuga mu Ibyahishuwe 21:12 ko Yerusalemu nshya-umurwa wera w'Imana ufite amarembo 12 kandi kuri buri muryango hari abamarayika 12. Ntahantu nahamwe muri Bibiliya havuga ko intumwa ari zo zishinzwe cyangwa zirinda amarembo.

4. Mbese uwo murwa koko ni munini bihagije kuzakira abacunguwe bose babayeho mu bihe byose? (Matayo 7:14)

Uyu umurwa uramutse utuwe cyane maze uwacunguwe wese akabona mo umwanya ungana n'ahantu ha 100 square feet ushobora gucumbikira abantu biliyoni 39. Bivuga incuro nyishi abantu batuye isi muri iki gihe. Abazobereye mu ibarura ry'abatuye isi bemeza ko abantu bose babayeho baramutse bakijijwe, n'ubundi haboneka ibyumba byinshi muri uwo murwa. Ibyanditswe byera nyamara bisibanura neza ko abake aribo bazakizwa. (Matayo 7:14). Mu murwa wera hazabayo ibirenze ibyumba bikenewe.

5. Njya nibaza niba ibihembo bingana n'ibyo twigomwa. Kuko rimwe na rimwe hari igihe mbona Satani ansumbirije. Mbese hari uguhumurizwa Bibiliya impa mu bihe nkibyo? (Abaroma 8:18)

Yego. Mukuri umenya Intumwa Paulo yaratekerezagaga umuntu nkawe ubwo yandikaga ibikurikira ati "Mbonye yuko imibababro yo muir iki gihe idakwiriye kugereranywa n'ubwiza tuzahishurirwa." Abaroma 8:18. Mu kuri kunyabya ijisho muri ubwo bwami budashira bizatera kugeragezwa no kurenganywa byubitse iyi si y'umwijima kuba ntagaciro nagato byari bifite, maze abacunguwe batere hejuru bati: "Haleluya, mu kuri ntacyo ijuru rigurwa ijuru (cyangwa ijuru rigurwa ubusa)!"

6. Mbese impinja zipfa zizakirizwa mu bwami bw'Imana? (Matayo 2:16-18)

Ntagisubizo gihanye dufite muri Bibiliya ariko benshi bizera ko abana bazacungurwa bahereye kubiboneka muri Matayo 2:16-18. Aho Bibiliya itubwira ko umwami gito Herodi yishe impinja zoze z'I Beterehemu zimaze n'izitarageza kumyaka ibiri. Isezerano rya kera ryari ryaravuze mbere ibyako kaga ubugome burenze urugero maze Imana ibwira ababyeyi bazo ko izo mpinja zishwe zizagarurwa mu

ngabano zabo." Yeremiya 31:16, 17. Ibi birumvikana neza ko ari ku muni w'izuka.

7. Mbese nsobanukirwa neza ko ijuru, iwabo w'abacunguwe, hazaba hano ku isi? (Ibyahishuwe 21:2,3;22:1,3)

Ni ibyukuri. Nubwo ubu umurwa wera uri aho Imana ituye, izawimurirra kuri iyi si. icyaha n'abanyabyaha bazatsembwaho n'umuriro maze isi izagirwa nshya ihabwe abakiranutsi mu bwiza n'icyubahiro byayo bya Edeni maze Imana izimurira intebe yayo hano (Ibyahishuwe 21:2, 3; 22:1, 3) maze Ibane n'abakiranutse hano ku isi iteka n'iteka. Ngo aho Umwami ari niho Juru (And where the Lord abides, that is heaven). Umugambi w'Imana ni ugusubiza umuntu ibyo Adamu yabuze: icyubahiro cyo kugira ubuzima buzira ikizinga cyangwa igitotsi, ku isi izira amakemwa. Satani n'icyaha byari bikomye mu nkokora gahunda y'Imana ariko iyo gahunda izayikomeza. Ibyo iyi ngoma y'Imana dushobora kubiganira n'abandi, kandi tugomba! Byaba ari igihombo gikabije kubibura.

8. Kuki se benshi bigisha kandi bizera ko iwabo w'abacunguwe ari ahantu hatabaho, abahatuye ari ibitagira ubuzima busanzwe cyangwa ibyoga juru bigendera ku bicu bitagira icyo bikora uretze gukina inanga gusa? (Yohana 8:44)

Izi nyigisho zikomoka ku mubi, se w'ibinyoma (Yohana 8:44). Ahora ashakisha uburyo bwo kugoreka gahunda y'urukundo rw'Imana maze akerekana Ijuru nk'ikintu kitababo (kidafatika) Ahantu abantu batazirirwa bifuza kumenya ibyaho cyangwa bagashidikanya ku byo Ijamba ry'Imana rivuga. *He is anxious to distort God's loving plan and present heaven as an unreal, "spooky" place so people will lose interest or become skeptical of God's Word altogether.* Satani azi neza ko igihe abagore n'abagabo bumva neza ukuri kwa Bibiliya kuberekeye iwabo w'abakijijwe, imbaraga ze kuri bo ziba zicitse, kuko bazatangira gukora gahunda zabo zo kwinjira muri ubwo bwami bw'Imana. Niyo mpamvu ikora (Satani) yivuye inyuma ngo asibanganye uko kuri maze akwirakwize ibinyoma byerekeza iryo cumbi ryo mu ijuru.

ibibazo nfasa nyigisho

1. Umurwa wera mu kirere (1)

- ___ Ntabwo ari ikintu gifatika ni nk'umugani.
- ___ Ni umujyi nyawo Imana Iriho itegura mu buturo bwayo.
- ___ Ntabwo ubaho keretse mu bitekerezo bya bamwe.

2. Uyu murwa wera (1)

- ___ Uzarimburwa n'intwari za kirimbuzi.
- ___ Uzafatwa ku ngufu na Satani n'abamuyoboka.
- ___ Uzamanuka uve mu ijuru maze ube umugi mukuru w'isi izaba yahinduwe nshya.

3. Mu bintu bikurikiye hitamo ibintu 7 byukuri birebana n'umurwa uhoraho bi boneka muri Bibiliya:

- ___ Witwa Yerusalemu nshya.
- ___ Uwo murwa ujya kungana na Londoni.
- ___ Inkuta zawo zigizwe na Topaze.
- ___ Uburebubure bwawo bungana n'ubugari.
- ___ Imihanda yawo ni zahabu gusa.
- ___ Uwo murwa ugizwe n'infatiro 14.
- ___ Intumwa Petero niyo ihagaze ku irembo ry'uwo mu rwa.
- ___ Buri muryango muri 12 iwugize ugizwe n'ubwoko bwawo bw'isaro.
- ___ umuzenguruko wawo ni mayilo 1,500.

4. Igiti cy'ubugingo (1)

- ___ Ni igiti nyacyo kizatanga imbaraga n'ubusore ku bantu b'Imana.
- ___ ni uburyo bwo kwivugira gusa Imana Izaha abantu bayo Imbaraga.
- ___ Cyabayeho mbere na mbere ariko ntabwo kizongera kuboneka mu bwami bwo mu isi nshya.

5. Mu mirongo ikurikiye ngaho toranya mo amahame Bibiliya ivuga kuri ubwo ubwami bushya: (5)

- Umwami azashyingira buri muni.
- Igiti cy'ubugingo cyera amatunda y'ubwoko 20 butandukanye.
- Umwami Mana ubwayo izabana n'abantu bayo.
- Nyuma y'imyaka miliyoni myinshi cyane abera baza bura icyo bakora.
- Nta rupfu ruzongera cyangwa kubabara kuzabayo.
- Abantu ntibazongera kunanirwa.
- Abamarayika bazajya batembereza ibirema hirya no hino.
- Abamarayika nibo bazaba ari abadogiteri cg abaganga bashinzwe imirimo yose y'ubuvuzi.
- Impumnyi zizahumuka.

6. Ngahom reba iyi miring ikurikira maze uhitemo iby'ukuri (6) bivugwa ku isi nshya:

- Inyanja zo muri iki gihe nti zizongera kubaho.
- Ubutayu buziyongera.
- Inyamaswa zizabaho mu nzitiro z'urukundo zo mu ijuru.
- Imiyaga kirimbuzi ya tornado, ibishitsi, imyuzure ntabo bizamenywayo.
- za amigo ibisigazwa by'amasegereti bizajya bikurwa mu mihanda n'abamarayika mu bwitonzi.
- Indabyo n'ibiti ntibizaraba cyangwa guhonga ukundi.
- Ijuru rizaba hano ku isi.
- Icyaha ntabwo kizongera kubyutsa umutwe bwa kabiri.
- Ibyiza byawo ntabwo bibona imvugo nyayo yo ku bitaka.

7. Abakiranutsi mu ngoma y'ubwami bw'Imana mu ijuru (1)

- Ni abazimu bazaba bakina inanga kandi bagendera ku bicu.
- Ntabwo abantu bazamenya ababo n'inshuti bari baratandukanye bazaba bahariyo.
- Bazagira imibiri n'amagufa nyabyo kandi bazamenyana.

8. Twizera ko abantu mu ijuru azaba aria bantu buntu bazakora ibintu bifatika kuko: (1)

- Ubumenyi bw'isi bwabihamije.
- Bibiliya ivuga ko tuzasa na Yesu, wari ufite umubiri n'amagufa amaze kuzuka kandi agakora ibintu bigaragara.
- Ababwiriza benshi bavuga ko ari byo.

9. Nakwizera ko nfitse umwanya muri uwbo bwami bwo mu ijuru kuko (1)

- Mvuga buri muni ko nkunda uwo Mwami.
- Kuko ntinya bihagije ikuzimu.
- Nemera kandi nkurikira Kristo ngakurikiza n'amategeko ye.

10. Mbese abacunguwe bazakora iki mu ijuru? Hitamo imirongo y'amashirakinyoma (5) mu ri ibi bikurikira:

- Bazubaka amazu bayabemo.
- Bazatera inzabibu.
- Bazica inyamaswa bazirye.
- Bazakina ibyuma bya muzika byo mu ijuru baririmbire indirimbo z'ishimwe ku Mana.
- Bazahimbariza Imana imbere y'intebe yaYo.
- Baguruke bahita kuri gihenomu (Fly past hell and taunt the lost).
- Bazarya ku giti cy'ubugingo.